**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW'IKIRENGA**
**B.P. 2197 KIGALI**

**RS/INJUST/RCOM 00002/2022/SC**

**INYANDIKO IHAMAGARA UMUBURANYI UDAFITE AHO ABARIZWA HAZWI MU RUBANZA RW'IMBONEZAMUBANO**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na kabiri, umunsi wa 29 Ukwezi kwa Nyakanga**;**

Twebwe **GAHIMA Innocent**, Umwanditsi w'Urukiko rw'ikirenga ;

Dushingiye ku ngingo ya 26 al.3 ; 45 ; 46 ; 49 al.2 z'itegeko n°22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ;

Tumenyesheje **YELLOWDOTS Rwanda Ltd** mu **mu izina ry'umuyobozi wayo(NKURUNZIZA Dominique), ibarizwa kuri e-mail** Dominique@yellowdotafrica.com, **ubu udafite aho abarizwa hazwi haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga**;

Ko agomba kwitaba Urukiko rw'Ikirenga kuwa **08/11/2022** saa munani(14h00) ku Kacyiru, mu nama ntegurarubanza y' urubanza **RS/INJUST/RCOM 00002/2022/SC** haburana **Habyarimana Charles na MTN Rwandacell Ltd & crts.**

**IKIBURANWA:**

Kwaka MTN Rwandacell Ltd indishyi zinyuranye zikomoka ku bihangano bya Habyarimana Charles "abantu bahangano KANYOMBYA na SEKAGANDA" yakoresheje mu rwego rw'ubucuruzi ku buryo biyibyarira inyungu zitandukanye itabiherewe uburenganzira(Gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza RCOMA 00876/2019/HCC rwaciwe ku wa 15/01/2021).

**NB**: Turakumenyesha ko kopi y'inyandiko iguhamagara ushobora kuyisanga mu biro by'Ubwanditsi bw'Urukiko rw'Ikirenga.

**GAHIMA Innocent**
**UMWANDITSI W'URUKIKO RW'IKIRENGA**